

**Urwandiko Musenyeri Perraudin, Umushumba wa Vikariyati ya Kabgayi,
yandikiye abakristu be ku gisibo cy'umwaka 1959.**

“Urukundo mbere ya byose”

Uyu mwaka ube uw'urukundo.

Bakristu, bana banjye,

Uyu mwaka turashaka kubasobanurira iby'umugenzo mwiza, uhatse iyindi yose, ingenzi mu migenzo: **Urukundo**.

Igihe duhawe Ubwepiskopi, icyaduteye guhitamo ya nama Paulo Mutagafifu yagiraga abakristu b'i Colose ati : « **Urukundo mbere ya byose** », ni uko twali tuzi neza ko uwo mugenzi mwiza nukulikizwa kigabo, kandi ugakulikizwa na bose, ali wo uzaha u Rwanda rwacu kugubwa neza, ko ali wo uzaha abatuye mu Rwanda bose n'imiryango bavukamo, amahoro no kumererwa neza.

Mungu ni **Urukundo**. Mungu arangwa n'urukundo : ikidakorewe urukundo ntikiba gihuye na Mungu. N'ubwo waba warabatijwe, urukundo rubuze, ubukristu buba bubuze. Urukundo rubuze mu miryango, mu bihugu, ntiwakwilirwa uhashakira amahoro, ukugubwa neza, ubutabera by'ukuli.

I.

Inyigisho z'Umwami wacu Yezu Kristu n'iz'Intumwa ze, zidusobanurira uwo mugenzi, ntizigira uko zingana, kandi zose ni ko zitwihanangiliza kuwutunganya.

Tubasabye kuzisoma kenshi, mukazizilikana, cyane cyane uyu mwaka twifuza kuba twakwita « Umwaka w'Urukundo ». Tubibashinze mwese, cyane cyane aliko tubishinze abali mu miryango y'Agisiyo Gatolika, ngo hose habe urukundo, ali mu miryango, ali mu mibanire y'abantu, ali mu mibanire y'amoko yose.

Urugero Yezu yaduhaye.

Inyigisho ya mbere ya Yezu ku mugenzi w'Urukundo ni urugero rwe. Mu misa igihe cya « Credo » tulilimba aya magambo : « *Icyatumye amanuka mu ijuru, ni twebwe abantu, no kugira ngo dukire. Yenze umubuli ku bwa Roho Mutagatifu... nuko aba umuntu.* » Ivanjili itwereka ukuntu kubaho kwe hano mu nsi kwabaye urukundo gusa, no kuvunikira abantu. Byinshi mu bitangaza yakoze, byaba nka byose, yabikoreye impuhwe n'urukundo yali afitiye abantu.

Batubwira mu Ivanjili ko imbaga z'abantu « *zamukulikiraga, ngo bamurebe, bumve inyigisho ze.* » Ubugwaneza bwe nibwo bwatumaga abantu bose bamusanga. Urukundo rwe, imibanire ye n'abantu byakururaga bose, ndetse n'abanyabyaha.

« *Nta rukundo rutambutse urwo guhara ubuzima bwawe, ugilira abo ukunda.* » (Yh 15,13). Nicyo Yezu yakoze kugira ngo aducungure : yemeye agashinyaguro tudashobora kumva, n'ububabare butavugwa, yarakubiswe, yambikwa ikamba ry'amahwa, ashirwa mu murongo w'abagiranabi, yemera kwitwa umusazi : umusozo wa byose : uba kubambwa ku musaraba, awumanikwaho mu maso ya Nyina agahinda kenda kumwica.

Mu masengsho yo ku wa gatanu mutagatifu tuvugamo aya magambo : « *Mbwira icyo nashoboraga kugukorera kindi ntakoze ?* » Koko rero ntabwo yashoboraga kubona uko yarenza ibyo yadukoreye. Urukundo rwe aliko rwatuboneye ikindi, undi wundi atashoboraga no kurota : Ukaristiya Ntagatifu. Aduha iryo Sakaramentu Yezu yatweretse urukundo rutangaje afitiye abantu, ashaka kubana nabo hose n'igihe cyose. Umuntu wese ashobora kumwegera, akamuhabwa, ngo amutungire roho ye. Ibyo kandi yashatse kubidukorera kugeza igihe isi izashilira. Mungu wenyine niwe wamenya ibyiza bitavugwa duhabwa na Yezu uba kandi akitangira mu Ukaristiya Ntagatifu.

Itegeko Yezu yaduhaye.

Birumvikana rero ko Yezu amaze kutugenzereza atyo, yali afite ububasha bwo kuduha icyo gihe ili « tegeko rye ». Ngili itekeko ryanjye : « *Nimukundane ubwanyu, uko nabakunze.* » (Yh 15,12). Bakristu, bana banjye, twashobora kurangiliza uru rwandiko kuli aya magambo, kuko byose bili muli ili tegeko : « *Mukundane, uko nabakunze* » nkemera kubavunikira, nkemera kubapfira. Bakristu mwe, nimuzilikane ili tegeko rya Yezu, maze mwibaze niba koko mukunda mugenzi wanyu nkuko Yezu yabakunze. Ukuntu u Ruanda rwacu rwaba rwiza, umuntu wese yumvise urwo rugero rwa Yezu, agakulikiza iryo tegeko ry'urukundo ! Nta yindi nzira y'abakristu ibaho : utunganya iryo tegeko ryo gukundana ukaba uli umukristu ; iyo utalitunganyije ntuba uli we. Yezu ubwe yarabitweruliye : « *Ikizereka bose ko muli abanjye, ni uko muzajya mukundana.* » Urukundo nirwo kimenyetso kizaranga abataha ijuru, abazaba barabaye abakristu koko.

Nimwumve mu Ivanjili, aho Yezu avuga iby'urubanza rw'imperuka. Namara gutandukanya ababi n'abeza, azabwira abeza ati : « *Nimuze abakunzwe na Data, muhabwe ubwami yabateguriye kuva igihe isi yaremewe. Nali nshonje, mumpa ibyo kurya. Nagize inyota, mumpa icyo kunywa. Nabuze aho ndara, murancumbikira. Nambaye ubusa, muranyambika. Nari ndwaye, nari mu nzu y'imbohe, muransura.* » Nuko abeza bazamusubiza bati : « *Nyagasani ni ryali twakubonye ushonje turagufungulira, ufite inyota tuguha icyo kunywa ? Ni ryali twakubonye uli umushyitsi turagucumbikira, cyangwa wambaye ubusa turakwambika? Ni ryali twakubonye urwaye cyangwa uli imbohe turagusura ?* » Umwami azabasubiza ati : « *Ndababwira iby'ukuli, igihe cyose mwabigiliraga umwe muli abo bagenzi banjye bagufi, ni njye mwabigiliraga.* » Maze azabwira abamuhagaze ibumoso (ababi) ati : « *Nimumve iruhande mwa bivume mwe, mujye mu muliro utazima waremewe shitani n'abamarayika bayo. Nali nshonje ntimwamfungulira, nali mfite inyota ntimwampa icyo kunywa, nali umushyitsi ntimwancumbikira, nali nambaye ubusa ntimwanyambika. Nali ndwaye, nali imbohe ntimwansura.* » Nabo bazamusubiza bati :

“Nyagasani, ni ryali twabonye ushonje, cyangwa ufite inyota, uli umushyitsi, wambaye ubusa, urwaye cyangwa uli imbohe tukanga kugufasha?” Maze azabasubiza ati : *“Ndababwira ukuli, igihe cyose mwangaga kubigilira umwe muli abo bagufi, ni njye mwangaga kubigilira.”* Nuko abo bazajya mu bubabare budashira, abeza bajye mu buzima bw’iteka. (Mt 25,34-46).

Bakristu, ayo magambo y’Ivanjili aratwumvisha neza ko tuzacirwa urubanza, tubazwa urukundo twagiliranye, cyane cyane urwo twagiliye abakene n’abali mu byago. Aratwumvisha kandi ishingiro ry’urwo Rukundo. Iryo shingiro ni ili : twese uko tungana, tuli ibiremwa tukaba n’abana ba Mungu. Twese twahamagaliwe kubarwa mu muryango we, dufatiye kuri Yezu, mukuru wacu. Kugilira umuvandimwe wa Yezu neza, ni ukuyigilira Yezu ubwe. Kugilira nabi umuvandimwe wa Yezu, ni ukugilira nabi Yezu ubwe.

Mutagatifu Paulo mu kudasobanulira ubumwe bw’abakristu muli Yezu na Yezu ubwe, abigereranya n’ingingo z’umubili zifatanye ubwazo, zigafatana kandi n’umutwe muli uwo mubili. Ingingo z’umubili usanga zisobekeranye neza, zuzuzanya, zumvikana ; ntusanga zishihagurana. Mutagatifu Paulo arashaka kutwumvisha kandi ko ugiliye nabi urugingo rwa Kristu (umukristu) aba agiliye nabi Kristu ubwe. Nibyo Yezu yali yaramwumvishije ku nzira y’i Damasi, igihe yatotezaga abakristu, Yezu aramubwira ati : *“Igituma untoteza ni iki ?”* Kuva ubwo yumva ko abakristu na Yezu ali ikintu kimwe ; nicyo cyamuteye kubakunda kimwe, akabavunikira kimwe. Amagambo mu Ivanjili avuga uwo mugenzi w’Urukundo ni menshi cyane, ntiyakwandikwa yose muli uru rwandiko tubandikiye. Muzayishakira ubwanyu n’Abapadiri banyu bazabibafashamo cyane cyane uyu mwaka. Aliko ndangiza, dore limwe mu magambo menshi twasigiye na Mutagatifu Yohani, Intumwa Yezu yakundaga, ku mugenzi w’urukundo : *“Natwe rero dukunde, ubwo We yadukunze mbere. Umuntu ugira ati : “Nkunda Mungu” aliko yanga mugenzi we, aba abeshya ; udakunda mugenzi we abona, yashobora ate gukunda Mungu atabona? Dore itegeko yaduhaye : Ukunda Mungu, nakunde na mugenzi we.”* (Yn 1,19-21).

Bakristu mwe, ibyo tumaze kuvuga byose by’urugero rwa Yezu n’inyigisho ze, hamwe n’inyigisho z’Intumwa, byemeza rwose ko urukundo ari umugenzi w’imena mu bukristu, ko ubukristu butakumvikana ubuzemo. Aliko kubimenya no kubyemera ntibihagije. Tugomba kubikulikiza. Mu gice cya kabili cy’uru rwandiko turagira ngo tubibafashemo, tubibutsa ukuntu urukundo rugomba gucengera imigenzereze yanyu ya buli muni, ibyo mukora byose ubwanyu, mu kubaho kw’imiryango no mu mibanire y’abaturage bose.

II.

Ngira ngo ntibyaba gukabya, tuvuze ko mu Ruanda rwacu, ndetse no mu bakristu, urukundo rwa gikristu rutahakomeye cyane. Ibyo nanone simbivugira guhinyura ibyiza by’urukundo n’umubano ubukristu bumaze kugeza mu Ruanda rwacu, aliko twemeza tudashidikanya ko igihugu cyacu kigomba kurushaho gukulikiza uwo mugenzi w’urukundo. Nicyo gituma tugira ngo tubibasobanulire kandi tubibafashishemo inama zacu za kibyezi n’amasengesho tubavugira.

Urukundo rugomba kuva ku mutima kandi rugashingira kuli Mungu.

Icyamba mbere tubabwira ni uko urukundo rugomba kubanza kuba mu mutima, mu bitekerezo, mu bushake : Urukundo rugomba kuva ku mutima. Ibyo bibuze ntitwaba dufite uwo mugenzi mwiza. Rugomba kandi kuba rushingiye kuli Mungu. Gukundana ni ugutekereza neza ku bandi, no kumenya kububaha no kubaha agaciro, twibuka ko twese tuli ibiremwa bya Mungu tukaba n'abana be. Ufite uwo mugenzi amenya ko abandi nabo Mungu abakunda, ko ntacyo asiga inyuma kugira ngo abafashe, ngo abakize. Abanga, bagasuzugura mugenzi wabo mu mutima, n'ubwo yaba umwanzi, baba bishe uwo mugenzi w'urukundo. Abacira mugenzi wabo mu mutima urubanza batazi, bakamukekera ubusa, baba bishe umugenzi w'urukundo ; abahimbira abandi ibinyoma, bakabacira ibitekerezo badafite, bakabumva nabi, cyangwa bakagumana mu mutima ibitekerezo byo kwihorera, iby'ishyali, nabo baba bangije uwo mugenzi w'urukundo. Bakristu, nimugire urukundo mu mitima yanyu, kuko umutima aliyo nteko ya byose. Umwami wacu Yezu Kristu yaratubwiye ati : *“Koko rero mu mutima niho hava ibitekerezo bibi, ubwicanyi, ubusambanyi, ingeso mbi zose, kwiba, kubeshya no kubeshyera abandi, gutera urubwa. Ngibyo ibituma umuntu aba mubi, naho kurya udakarabye sibyo bigira umuntu mubi.”* (Mt 15,19). Mwisuzume, Bakristu, murebe ibitekerezo mufitiye bagenzi banyu.

Urukundo mu mvugo.

Ikindi mugomba kwitondera ni amagambo yanyu, imvugo yanyu. Amagambo meza ashobora kugira neza cyane : ndavuga amagambo y'inama nziza, yo gukomeza abandi, kubahoza, amagambo ya kivandimwe, amagambo aha abandi agaciro n'icyubahiro, amagambo y'urukundo. Aliko ntimwibagirwe ko amagambo ashobora kugilira mugenzi wawe inabi itavugwa : nko kuvuga undi nabi, gukwirakwiza ibibi yakoze cyangwa umuhimbiye, gutandukanya abali bashyize hamwe, guteranya abandi, kubabaza undi nkana, kuvuga nabi ibyiza akora, guta icyubahiro cye. Mutagatifu Yakobo atubwira kwilinda ibyaha by'urulimi, ati : *“Gusingiza Mungu Umubyeyi wacu, tubikoresha urulimi ; aliko kandi no kuvuma abantu baremwe ali abana ba Mungu, tukabikoresha urulimi. Umunwa wifuliza undi umugisha, ni nawo umwifuliza umuvumo. Bavandimwe, siko byagombye kumera.”* (Yk 3,10). Bakristu, iyo muhuye, mukunda kuganira, kandi nta kibi kilimo, aliko mujye mwilinda gucumura kuli Mungu mu biganiro byanyu, mwilinda kuvuga abandi nabi.

Urukundo mu bikorwa.

Gukunda mugenzi wacu mu mutima no mu magambo, ntibihagije. Tugomba no kubigaragaliza mu bikorwa. Yohani Intumwa ati : *“Umuntu w'umukire cyane, utunze byinshi, ubona umuvandimwe we yicwa n'ubutindi, ntamugilire akantu k'impuhwe, yatunga ate urukundo rwa Mungu muli we? Twana twanjye, ntidukunde mu magambo, no ku rulimi gusa, tugerageze urwo rukundo mu byo dukora no mu migenzereze yacu.”* (1 Yh. 3,17-18). Bakristu bacu dukunda, tuzi ko mutali abakire, ariko tubasabye gukora uko mushoboye kose ngo mufashe ababarusha kubabara, cyane cyane abarwayi, ibimuga, abababaye n'abali mu byago, utwana tw'imfubyi, abatagira abo biyambaza. Mwibuke umugani w'Umusamaritani w'ingeso nziza. Yezu ashimira ineza yagiliye umunyabyago wali waguye mu gico cy'abajura. Yaramubabaliye,

amwitaho, amufashisha ibyo afite, kandi atamuzi ntacyo bapfana. (Lk. 10,29 sv.). Haliho abakristu baca iruhande rw'abantu bali mu byago, ntibabiteho, haba no kubareba. Habaho ndetse n'abaseka abakene, ibimuga, n'abo ibyago byatahiye. Abo si aba Yezu, We Petro Mutagatifu avuga ko *"yanyuraga mu bantu agira neza"* (Act. 10,38), akiza abarwayi, ahoza abababaye.

Bakristu, turabasaba no gukomeza uwo mugenzo mwiza mu ngo zanyu. Turasaba abatandukanye kongera kubana, umwe amenye kwihanganira undi, bakundane by'ukuli. Turasaba imiryango ifitanye inzangano kwigorora imbere ya Yezu. Abatagilira abandi imbabazi, ntibashobora kuzigilirwa : bicira urubanza ubwabo iyo bavuga *"Dawe uli mu ijuru"*, babwira Mungu bati : *"Ntuzaduhore ibyaha byacu nk'uko natwe tutabihora ababitugilira."* Turasaba ababyeyi n'abana kumvikana iteka, kudatana ngo basubiranemo iyo hali ibibaruhije. Nta kintu kiza hano mu nsi cyaruta urugo rwunze ubumwe kandi rukundanye.

Urukundo ntirubanura.

Ikindi tugira ngo tubumvishe, Bakristu, mu bimenyetso biranga urukundo rwa gikristu, ni uko rugomba kutarobanura. Nta mukristu ukwiye kuvuga undi, n'ubwo yaba umwanzi we, ati : *"Uliya simukunda; uliya ndamwanga."* Mungu ntiyanga ko umuntu akunda abavandimwe kurusha abandi, abo mu muryango we kurusha rubanda n'abo atazi. Aliko ntawe dushobora kwegura ngo tumuce mu rukundo rwacu. Umutima w'umukristu ugomba gusa n'uwa Yezu, ukunda abantu bose, akaba yarabapfiliye ngo abakize bose uko bangana. Nimwisuzume, bakristu, turabibasabye, murebe niba ali uko bili mu Rwanda rwacu. Turabona ko nta kumvikana guhagije ; ari mu bantu ubwabo, ali mu miryango, ndetse no mu bice by'abantu bagize u Rwanda.

Hali inzangano mu bantu, ndetse limwe na limwe bava inda imwe. Hali inzangano mu miryango : aho gushaka kuzikiza, bakazikomeza, bakazikwirakwiza, bakaba ba gasibamiryango. Hakaba n'abahimbahimba imanza, ngo barenganye abandi, bakagengwa no gushaka kwihorera. Hali abagira ibyago, ugasanga bagira bati bitewe ahali na kanaka, kugira ngo babyemeze bakajya gushakisha ku mupfumu, uwo mugiranabi uteranya imiryango n'iyindi, ntibatinye gukora ibidakorwa byo kwicana ali ugushaka kwihorera. Bakristu mwe, muli ibyo byose, ubukristu buli he? Turabibasabye, nimucike kuli ibyo : ni ibyica umugenzo w'urukundo ugomba kuranga abakristu. Ibyo bituruka kwa shitani, ni yo soko y'inzangano n'ubwicanyi. Nimwumve Yohani Intumwa, ati : *"Twe twavuye mu rupfu, tuza mu buzima, kuko dukunda abavandimwe bacu. Udakundana nta buzima afite. Uwanga umvandimwe aba ali umwicanyi, kandi muzi ko ntawica undi ngo agire ubuzima bwa Mungu muli we."* (1 Yh. 3,14).

Tubyerekeje k'uko igihugu kimeze.

Dusanga mu Rwanda rwacu, kimwe no mu bindi bihugu, ibice byinshi by'abantu. Ibyo bice bituruka ahanini ku moko y'abantu, aliko hali n'ibituruka ku zindi mpamvu : nko ku bukire, nko ku mwanya abantu bagira mu butegetsi bw'igihugu, nko ku madini. Hali Abirabura, abazungu, Abarabu n'Abahindi. Mu Birabura, hali Abatutsi, Abahutu n'Abatwa ; hali abakire n'abakene, hali abatunze inka, hali n'abatunzwe n'isuka yabo ; hali abacuruzi n'abanyamyuga ; hali abagatolika

n'abaprotestanti, hali abahindi n'abayisilamu. Hali rero n'abapagani bakili benshi cyane. Hali abategeka hakaba n'ingabo.

Muli iki gihe ikivugwa cyane cyane ni iby'amoko y'abanyarwanda ubwabo. Ibyo bice by'abaturage, cyane cyane aliko ibyo byerekeye amoko adahuje, tutabyitondeye byatuviramo imidugararo mibi mu Rwanda rwacu. Bakristu bo mu Ruanda, tubasabye gukulikiza ukuli no kwibuka urukundo rwa kivandimwe rubahuza, kugira ngo Imana itulinde ibyo byago. Twizeye ko icyo tubasabye mucyumva neza mwese, kuko mwebwe muli abakristu, kandi ikinteye kubibasaba ali umutima wa kibyeyi mfitiye buli muntu kandi mbafitiye mwese hamwe uko mugana, mu gice mulimo cyose. Aliko tulifuzza kugira icyo twabibabwiraho kuko mu gihugu hatangiye kuzamo ibitekerezo, byinshi muli byo ugasanga bidahuje n'inyigisho za Kiliziya.

- Koko rero mu Banyarwanda, tuhasanga amoko atatu mu baturage, atandukanye rwose, nubwo limwe na limwe yagiye yivanga biturutse ku gushyingirana, ntube washobora iteka kwemeza uti uyu n'uwo muli ubu bwoko cyangwa buliya. Uko kudahuza ubwoko kw'Abanyarwanda, ni ikintu gisanzwe no mu bindi bihugu, kandi rero nta n'icyo mwabasha kubihinduraho. Mwaravutse musanga ibintu ali uko bimeze. Muli amoko menshi atuye hamwe, nimwemere gutura igihugu kimwe, mugerageze kumvikana no gukundana nk'abavandimwe.
- Imbere ya Mungu amoko yose akwiye icyubahiro n'urukundo mu rugero rumwe. Ubwoko bwose bufite ibyiza byabwo, bukagira n'ingeso zabwo. Kandi rero nta n'ufite ububasha bwo kwihitiramo igice yavukamo. Ntibikwiye rero, ndetse binyuranyije n'umugenzo w'urukundo kuziza umuntu ubwoko avukamo, cyane cyane kubimusuzugulira. Ibikwiye, urebesheje n'ubwenge busanzwe bw'abantu, n'uko abantu badahuje ubwoko bashyira hamwe, bakumvikana, cyane cyane iyo dusanze baturanije imisanzu mu gihugu kimwe.
- Dufashe mu rugero rwa Kristu, amoko n'ibindi bice bigomba guhulira mu bumwe bubisumbye bwose bw'Urusange rw'Abatagatifu. Abakristu, mu bwoko bakomokamo bwose, bafitanye ubumwe butambutse ndetse ubw'abavandimwe basanzwe : basangiye ubuzima muli Yezu Kristu, bakagira Umubyeyi umwe, uli mu ijuru. Uwavuga "Dawe uli mu juru", akagira umuntu avana mu rukundo rwe, ngo kuko badahuje ubwoko, uwo ntiyaba yambaza Umubyeyi wacu uli mu ijuru, na Mungu ntiyamwumva. Nta Kiliziya y'ubu bwoko cyangwa buliya, Kiliziya ni gatolika. Muli yo, uwo ni Mutagatifu Paulo ubitubwira : "*Nta muyahudi, nta mugereki, nta muja, nta mwigenge*", kuko twese tuli kimwe muli Yezu Kristu (Col 3,28). Kiliziya rero si iy'ubu bwoko kuruta buliya. Ni iy'amoko yose ; yose iyakunda kimwe, yose iyashyizeho umutima mu rugero rumwe.
- Mu Ruanda rwacu, ukutareshya kw'abaturage, guturuka ahanini kuko ubikire, ubutegetsu mu gihugu, ndetse no mu bucamanza, byiganje cyane cyane mu bwoko bumwe bw'abaturage. Ibyo ntibitangiye none, twabirazwe n'u Ruanda ruhise. Ibyo byahise nta kamaro gukomeza kubigiraho impaka. Aliko birumvikana ko aho Ruanda igeze ubu, ubwo butegetsu n'ukubaho kwarwo byo hambere, bitagihuje n'ubutegetsu bwiza igihugu gikeneye. Abategetsu barwo ntibakwiye kurekera iyo, bafite umulimo utoroshye wo gutunganya ibyo bintu bikomeye kandi biruhije aliko ngombwa. Umwepiskopi, uli mu

mwanya wa Kiliziya yagenewe ibihuza abantu na Mungu, ntashinzwe gutegeka cyangwa kwerekana uko ibyo bigomba kutunganywa, aliko ashinzwe kwibutsa ababibazwa bose, baba abategetsi, baba abayobora amashyaka abikulikirana, itegeko ry'urukundo n'ubutabera mu mibanire, bigomba kuyobora bose, uko Mungu abitegeka.

- Iryo tegeko lishaka ko amategeko y'igihugu aha abaturage bose, mu bice byose, uburyo bumwe bwo kujya mbere no kugira ijamba mu byerekeye imiyoborere y'igihugu batuyemo. Amategeko yakwimika iby'irobanura, akabera, akarengera bamwe, cyangwa ibice bimwe by'abaturage, yaba acishije ukubili n'inyigisho z'ubukristu.
- Inyigisho z'ubukristu zigira ziti : Imilimo y'ubutegetsi ihabwe ababishoboye, b'intabera, bimilije imbere ukumererwa neza kw'abo bashinzwe kuvugira. Ntibyaba kugenza gikristu, gushinga umuntu umulimo w'ubutegetsi atabishoboye, ubitewe gusa n'ubwoko bwe, n'ubukire bwe, cyangwa se n'ubutoni agufiteho, utitaye kureba ko uwo mulimo awufitiye ubushobozi n'imigenzo myiza imuranga.
- Ubukristu bwigisha yuko ubutegetsi mu gihugu, bugomba gukorera rusange rw'abaturage bose rutarobanuye, ntibugilire neza gusa agace kamwe kabo ; bwigisha yuko umulimo w'ubutegetsi mu gihugu ali uguharanira ko abaturage bose bajya mbere mu by'ubwenge, mu kumererwa neza no mu bukungu, ku buryo bishobotse.
- Kiliziya ibuza ikintu cyose cyatuma ibice bisubiranamo, ali ibice bishingiye ku bukire, ali ibishingiye ku moko, cyangwa se ku kindi kindi. Aliko Kiliziya yemera ko igice cy'abaturage bahuliye ku kintu, baharanira ibyabungura, iyo bikozwe mu buryo bwiza kandi butunganye, nko kurema imiryango y'inama zabyo (association). Aliko Mungu yanga ababizanamwo inzangano, agasuzuguro, umutima wo guteranya bitandukanya abantu, kubesha no guhimbira abandi. Bakristu rero, muramenye ntimukumve ababatoza kwanga no gusuzugura abandi, ngo ni ugushaka kurwanira ishyamba igice balimo.
- Kugira ngo amashyaka ayo aliyo yose mu gihugu, abe meza mu mibanire y'abaturage bose, ntagomba gusa guharanira, buli shyamba, ibyayagilira akamaro na bene yo, naho byaba mu buryo bwiza ; agomba no kwimiliza imbere kubana neza n'ibindi bice by'abaturage, n'andi mashyamba, kandi no kwibuka mbere icyabungura ubwabo, icyashyira mbere rusange rw'abaturage bose.
Icyagilira igihugu cyose akamaro ntigishobora kuvuka mu myirane itavaho, ahubwo gituruka gusa mu gufashanya k'ukuli kwa kivandimwe, gushingiye kugusangira mu butabera n'urukundo, ibintu n'ubutegetsi mu gihugu.
Turasaba Abagatolika, cyane cyane abali mu butegetsi n'abayobora amashyamba, kujya bahulira hamwe bakajya inama ku by'igihugu cyifuza cyangwa gikeneye, ngo babibonere hamwe uburyo bwo kubitunganya, bakulikije inyigisho za Kiliziya.
- Nimwumve ukuli kuli muli aya magambo yavuzwe n'umuntu mukuru wa kera wali ufite ibitekerezo bya kigabo, ati: *"Nta kamaro k'amategeko adashyigikiwe n'imigenzo myiza."* Amategeko, ubutegetsi, n'amajyambere mu gutunganya imibereho n'imibanire

y'abaturage n'ubuyobozi bw'igihugu ntibizashyikira akamaro tubitezeho, nibidafashwa no kujya mbere kw'abaturage mu muco no mu migenzo myiza ya gikristu.

- Nta kugubwa neza mu gihugu, nta mubano w'ukuli, nta majyambere nyayo, bidashingiye ku gukulikiza neza amategeko ya Mungu uko ali mu Ivanjili, Kiliziya n'Abategeka bayo badahwema kwigisha.
- Bantu mwese bumva ukuli, cyane cyane mwebwe bakristu n'abigishwa, mu bice no mu moko mulimo yose, tubasabye kumva izi nyigisho no kuzizilikana, kandi mukazikulikiza kigabo mu migenzereze yanyu, mukanazinjiza mu mibereho y'abo mubana.

Umusozo.

Bakristu, bana banjye, uru rwandiko tururangije dusubira muli rya tegeko rya Nyagasani: *"Nimujye mukundana"*, kuko aliryo libimbuliye amategeko y'ubukristu, uko Mutagatifu Paulo abitubwira mu buryo bwiza mu rwandiko yandikiye Amaromani ati : *"Ntimukagire uwo muberamo umwenda, kereka uwo gukundana. Kuko ukunze undi, aba atunganyije amategeko. Koko rero aya mategeko : ntuzasambane, ntuzice, ntuzibe, ntuzifuze iby'abandi, n'andi yose, ahiniye muli ili jambo : **"Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda."** Urukundo ntirubabaza undi. Urukundo rero niryo tegeko ryuzuye ayandi yose ashamikiyeho."* (Rom. 13,8-10).

Bakristu mwe, twese uko tungana, dusabe Mungu cyane cyane uyu mwaka ngo asakaze urukundo mu Ruanda rwacu, rucengere mu mitima ya bose. Ni inema ikomeye cyane dusaba, aliko ni inema Umubyeyi wacu wo mu ijuru yifuliza abana be, azayiduha nta shiti.

Bikira Mariya, We wiswe "Umubyeyi w'Urukundo rwiza", adutakambire uko tungana, ngo twumve ijwi ry'Umwana we yezu, dukulikize itegeko yaturaze liruta ayandi yose ryo "Gukundana".

Bakristu, bana banjye, mbahaye umugisha wa kibyezi.

+ A. Perraudin

Umushumba wa Vikariyati ya Kabgayi.

Kabgayi, ku italiki 11 Februwari 1959.